Repubulika y'u Rwanda
Umujyi wa Kigali
**Akarere ka Gasabo**

# ITANGAZO / 23 UKUBOZA 2024

Ubuyobozi bw'Akarere ka Gasabo bufatanyije n'Ikigo cy'Igihugu cy'Imisoro n'Amahoro (RRA) buramenyesha abantu bose barebwa n'igikorwa cyo kwishyura Imisoro ko bakwishyura ku gihe hirindwa ibihano by'ubukererwe. Imisoro isabwa kwishyurwa ni:

- **Umusoro ku mutungo utimukanwa wishyurwa bitarenze tariki ya 31 Ukuboza 2024.**
- **Umusoro ku nyungu z'ubukode bw'amazu n'undi mutungo utimukanwa ukodeshwa wishyurwa bitarenze tariki ya 31 Mutarama 2025.**
- **Umusoro w'Ipatanti uzishyurwa bitarenze 31 Mutarama 2025 ku bishyura umwaka ndetse n'igihembwe cya mbere.**

**N.B:** Ubuyobozi bw'Akarere burabamenyesha ko abakeneye serivisi z'Imisoro bazisanga aha hakurikira:

- **Ku biro by'Imirenge igize Akarere ka Gasabo.**
- **Ku biro bya RRA biherereye ku Kisimenti ahahoze Banki ya Kigali.**
- **Ku biro bya RRA biherereye mu gakiriro ka Gisozi ahazwi nko ku mukindo.**
- **Ku biro bya RRA biherereye i Kabuga mu Murenge wa Rusororo.**

Ku bindi bisobanuro mwahamagara **1520**